# GATIGISIMU Y'ABABATISITA

## Benjamin Keach

## IBIRIMO

IJAMBO RY'IMANA ....................................................2
IMANA ....................................................2
ICYAHA ....................................................4
YESU KRISTO....................................................5
AGAKIZA ....................................................7
URUBANZA ....................................................8
KUMVIRA ....................................................9
KWIZERA NO KWIHANA....................................................15
UMUBATIZO....................................................17
IGABURO RYERA....................................................18
ISENGESHO....................................................19

# IJAMBO RY'IMANA

K1: Ni nde wa mbere kandi usumba ibiriho byose?

G1: Imana ni yo ya mbere kandi isumba ibiriho byose (Yesaya 44:6; 48:12; Zaburi 97:9).

K2: Ese umuntu wese agomba kwizera ko hariho Imana?

G2: Umuntu wese agomba kwizera ko hariho Imana (Abaheburayo 11:6); kandi ni icyaha gikomeye ndetse n'ubupfapfa kubatabyizera (Zaburi 14:1).

K3: Ni gute twamenya ko hariho Imana?

G3: Umucyo w'uko umuntu aremwe muri we, ndetse n'imirimo y'Imana mu buryo butomoye bigaragaza ko hariho Imana (Abaroma 1:19-20; Zaburi 19:1-3; Ibyakozwe n'Intumwa 17:24); ariko Ijambo ryayo na Mwuka gusa, nibyo biduhishurira mu buryo byuzuye kandi buboneye iby'agakiza k'abanyabyaha (1 Abakorinto 1:2124; 2:9-10; 2 Timoteyo 3:15-16).

K4: Ijambo ry'Imana ni iki?

G4: Ibyanditswe byera byo mu isezerano rya kera no mu isezerano rishya ni Ijambo ry'Imana, kandi bikaba ari byo byonyine bigenga ibyo kwizera no kumvira (2 Timoteyo 3:16-17; Abefeso 2:20).

K5: Ese abantu bose bākoresha ibyanditswe byera?

G5: Abantu bose ntabwo bemererwa gusa, ahubwo banategekwa kandi bagahugurirwa gusoma, kumva, ndetse no gusobanukirwa ibyanditswe byera (Yohana 5:38; 17:17-18; Ibyahishuwe 1:3; Ibyakozwe n'Intumwa 8: 28-30).

K6: Ese ni ikihe kintu nyamukuru ibyanditswe byera byigisha?

G6: Ibyanditswe byera byumwihariko bitwigisha ibyo tugomba kwizera ku Mana ndetse n'inshingano Imana iha umuntu (2 Timoteyo 1:13, 3:15-16).

# IMANA

K7: Imana ni nde?

G7: Imana ni Umwuka (Yohana 4:24), ntigira iherezo (Yobu 11:7-9), ihoraho (Zaburi 110:2), kandi ntihinduka (Yakobo 1:17), mu kubaho kwayo (Kuva 3:14), ubwenge (Zaburi 147:5), imbaraga (Ibyahishuwe 4:8), kwera (Ibyahishuwe 15:4), Ntibera, ni nziza, kandi ni ukuri (Kuva 34:6).

K8: *Ese hariho imana zirenze imwe?*

G8: Hariho Imana imwe nzima kandi y'ukuri (Gutegeka kwa kabiri 6:4; Yeremiya 10:10).

K9: *Ni Abaperisona bangahe bari mu Bumana?*

G9: Hariho Abaperisona batatu mu Bumana: Data, Mwana na Mwuka Wera; kandi aba uko ari batatu ni Imana imwe, bafite kubaho kumwe, bangana mu mbaraga n'icyubahiro (1 Yohana 5:7; Matayo 28:19).

K10: *Ni ayahe mateka y'Imana?*

G10: Amateka y'Imana ni umugambi wayo w'iteka ukurikije inama y'ubushake bwayo, aho, ku bw'icyubahiro cyayo, yagennye ibizabaho byose (Abefeso 1:4, 11; Abaroma 9:22-23; Yesaya 46:10; Amaganya 3:37).

K11: *Ni gute Imana isohoza amateka yayo?*

G11: Imana isohoza amateka yayo mu mirimo yo kurema n'isohozamigambi (Itangiriro1:1; Ibyahishuwe 4:11; Matayo 5:45).

K12: *Ese ni uwuhe murimo wo kurema?*

G12: Umurimo wo kurema, ni Imana yabeshejeho ibintu byose ibikuye mu busa, ikabiremesha ijambo ryayo ry'ububasha, mu gihe cy'iminsi itandatu, kandi byose byari byiza (Itangiriro 1; Abaheburayo 11:3).

K13: *Ni gute Imana yaremye umuntu?*

G13: Imana yaremye umugabo n'umugore, mu ishusho yayo, mu bwenge, gukiranuka no kwera ndetse ahabwa no gutwara ibyaremwe (Itangiriro 1:26-28, Abakolosayi 3:10, Abefeso 4:24).

K14: *Ni iyihe mirimo y'Imana y'isohozamigambi?*

G14: Imirimo y'Imana y'isohozamigambi, ni ukwera gukomeye (Zaburi 145:17), ubwenge (Yesaya 28:29; Zaburi 104:24), n'imbaraga mu kurinda (Abaheburayo 1:3) no kuyobora

ibyaremwe byayo, ndetse n'imikorere yabyo yose (Zaburi 103:19; Matayo 10:29-31).

K15: *Ni ikihe gikorwa cy'umwihariko cy'isohozamigambi Imana yakoreye muntu ubwo yamuremaga?*

G15: Igihe Imana yaremaga umuntu, yagiranye nawe isezerano ry'ubuzima mu kumvira gutunganye, imubuza kurya ku giti kimenyesha ubwenge bw'icyiza n'ikibi, bizana umubabaro w'urupfu (Itangiriro 2:17; Abagalatiya 3:12)

# ICYAHA

K16: Ese abakurambere bacu (Adamu na Eva) bakomeje kumera nk'uko baremwe?

G16: Abakurambere bacu, barekewe umudendezo w'amahitamo yabo, bazakugwa batandukanywa n'uko baremwe, bacumura ku Mana (Itangiriro 3:6-8, 13; Umubwiriza 7:29).

K17: Icyaha ni iki?

G17: Icyaha ni ikintu icyo ari cyo cyose urarikira gusa na cyo, cyangwa se ni ugucumura ku mategeko y'Imana (1 Yohana 3:4).

K18: Ni ikihe cyaha abakurambere bacu baguyemo batandukanywa n'uko baremwe?

G18: Icyaha abakurambere bacu baguyemo batandukanywa n'uko baremwe ni ukurya ku rubuto baribabujijwe (Itangiriro 3:6, 12, 16-17).

K19: Ese abantu bose baguye mu cyaha cya Adamu cya mbere acumura?

G19: Isezerano yagiranye na Adamu, atari we wenyine gusa ahubwo n'abazamukomokaho bose, abantu bose bakomotse kuri Adamu bo mu bihe byose bagwana nawe mu gicumuro cye cya mbere (Itangiriro 2:16-17; Abaroma 5:12; 1 Abakorinto 15:21-22).

K20: Ni akahe kaga kugwa kwazaniye ikiremwa muntu?

G20: Kugwa kwazaniye ikiremwamuntu kuba mu cyaha no mu mubabaro (Abaroma 5:12).

K21: Ni ibiki bigize ubunyabyaha umuntu yashyizwemo no kugwa?

G21: Ubunyabyaha umuntu yashyizwemo no kugwa bugizwe no kuba abarwaho (ahamwa) n'icyaha cya mbere cya Adamu, gushaka gukiranuka kwa mbere, kwononekara kw'akamero ka muntu, bikunze kwitwa icyaha cy'inkomoko, hamwe n'ibicumuro byose bituruka muri cyo (Abaroma 5:12 "kugeza aho kirangirira"; Abefeso 2:1-3; Yakobo 1:14-15; Matayo 15:19).

K22: Ni iyihe mibabaro y'ako kaga umuntu yaguyemo?

G22: Abantu bose mu kugwa kwabo batakaje ubusabane n'Imana (Itangiriro 3:8, 10, 24), bari munsi y'umujinya wayo n'umuvumo (Abefeso 2:2-3; Abagalatiya 3:10), kandi babohewe mu mibabaro yose yo muri ubu buzima, urupfu ubwarwo, ndetse n'umubabaro w'ikuzimu iteka ryose (Amaganya ya 3:39; Abaroma 6:23; Matayo 25:41, 46).

# YESU KRISTO

K23: Ese Imana yaretse abantu bose ngo barimbukire mu cyaha n'umubabaro?

G23: Imana ku bw'ineza y'ubushake bwayo, kuva iteka ryose hari abo yatoranirije ubugingo buhoraho (Abefeso 1:4-5), binjira mu isezerano ry'ubuntu, ngo bakurwe mu kuba mu cyaha n'umubabaro, kandi bazanwe mu guhabwa agakiza ikoresheje Umucunguzi (Abaroma 3:2022; Abagalatiya 3:21-22).

K24: Ni nde Mucunguzi w'intore z'Imana?

G24: Umucunguzi umwe gusa w'intore z'Imana ni Umwami Yesu Kristo (1 Timoteyo 2:5-6), we, wahoze iteka ari Umwana w'Imana, aba Umuntu (Yohana 1:14; Abagalatiya 4:4), kandi akomeza kuba ari Imana n'Umuntu afite utwo tumero tubiri dutandukanye kandi ari Umuperisona umwe iteka (Abaroma 9:5; Luka 1:35; Abakolosayi 2:9; Abaheburayo 7:24-25).

K25: Ni gute Kristo Umwana w'Imana yabaye Umuntu?

G25: Kristo, Umwana w'Imana, yabaye Umuntu yambara umubiri byukuri (Abaheburayo 2:14, 17; 10:5) ndetse na roho itekereza (Matayo 26:38); asamwa ku bw'ububasha bwa Mwuka Wera mu nda y'umwari w'isugi Mariya, kandi abyarwa na we (Luka 1:27, 31, 34-35, 42; Abagalatiya 4:4) ariko adafite icyaha (Abaheburayo 4:15; 7:26).

K26: Ni iyihe mirimo Kristo yakoze nk'Umucunguzi?

G26: Kristo nk'Umucunguzi yakoze umurimo w'ubuhanuzi, w'ubutambyi, n'uw' ubwami, byose mu guca bugufi no gushyirwa hejuru (Ibyakozwe n'Intumwa 3:22; Abaheburayo 12:25; 2 Abakorinto 13:3; Abaheburayo 5:5-7; 7:25; Zaburi 2:6; Yesaya 9:6-7; Matayo 21:5; Zaburi 2:811).

K27: Ni gute Kristo yakoze (yujuje) umurimo w'ubuhanuzi?

G27: Kristo yakoze umurimo w'ubuhanuzi aduhishurira, ku bw'ijambo rye na Mwuka, ubushake bw'Imana bw'agakiza kacu (Yohana 1:18; 1 Petero 1:10-12; Yohana 15:15; 20:31).

K28: Ni gute Kristo yakoze umurimo w'ubutambyi?

G28: Kristo yakoze umurimo w'ubutambyi mu kwitamba rimwe kuba igitambo gihaza (kinyura) ubutabera bw'Imana (Abaheburayo 9:14, 28) kandi atwunga n'Imana (Abaheburayo 2:17) kandi akaba akomeza kudusabira (Abaheburayo 7:24-25).

K29: Ni gute Kristo yakoze umurimo w'ubwami?

G29: Kristo yakoze umurimo w'ubwami, atwishyira (Ibyakozwe n'Intumwa 15:14-16), atuyobora (Yesaya33:22), aturwanirira (Yesaya 32:1-2), aturinda kandi atuneshereza abanzi be kandi akaba ari n'abacu (1Abakorinto 15:25; Zaburi 110).

K30: Ese ni ibiki bigize kwicisha bugufi kwa Kristo?

G30: kwicisha bugufi kwa Kristo bigizwe no kubyarwa kwe, kandi mu buzima bworoheje (Luka 2:7), aba utwarwa n'amategeko (Abagalatiya 4:4), ahura n'imibabaro yo muri ubu buzima (Abaheburayo 12:2-3; Yesaya 53:2-3), n'umujinya w'Imana (Luka 22:44; Matayo 27:47), ndetse n'urupfu rw'umuvumo wo ku musaraba (Abafilipi 2:8), arahambwa (1 Abakorinto 15:3-4) ndetse akomeza ari munsi y'imbaraga z'urupfu by'igihe gito (Ibyakozwe n'Intumwa 2:24-27,31; Matayo 12:40).

K31: Ni ibiki bigize gushyirwa hejuru kwa Kristo?

G31: Gushyirwa hejuru kwa Kristo ni ukuba yarazutse mu bapfuye ku munsi wa gatatu (1Abakorinto 15:14), kuzamurwa mu ijuru (Mariko 16:19), kwicara iburyo bw'Imana Data (Abefeso 1:20), no kuzagaruka gucira isi urubanza ku munsi w'imperuka (Ibyakozwe n'Intumwa 1:11; 17:31).

# AGAKIZA

K32: Ni gute tugirwa abahabwa (abagabana) gucungurwa kwaguzwe na Kristo?

G32: Tugirwa abagabana gucungurwa kwaguzwe na Kristo, bikorewe muri twe neza (Yohana 1:1112) na Mwuka Wera we (Tito 3:5-6).

K33: Ni gute Mwuka Wera azana (akorera) muri twe gucungurwa kwaguzwe na Kristo?

G33: Mwuka Wera azana muri twe gucungurwa kwaguzwe na Kristo, kubwo kuduha kwizera (Abefeso1:13-14; Yohana 6:37, 39, 64; Abefeso 2:8), no kutwunga na Kristo mu muhamagaro utagandirwa (Abefeso 3:17; 1 Abakorinto 1:9).

K34: Ese umuhamagaro utagandirwa ni iki?

G34: Umuhamagaro utagandirwa ni umurimo wa Mwuka w'Imana (2 Timoteyo 1:9; 2 Abatesalonike 2:13-14), aho atwemeza ibyaha byacu n'imibabaro ikomeye (Ibyakozwe n'Intumwa 2:37), akamurikira ibitekerezo byacu ubumenyi bwa Kristo (Ibyakozwe n'Intumwa 26:18), kandi agahindura ubushake bwacu (Ezekiyeli 36:26-27), akatwemeza kandi akaduha kwemera Yesu Kristo tukabihererwa ubusa mu butumwa bwiza (Yohana 6:44-45; abafilipi 2:13).

K35: Ni izihe nyungu abahamagawe umuhamagaro utagandirwa bahabwa (bagabana) muri ubu buzima?

G35: Abahamagawe umuhamagaro utagandirwa, muri ubu buzima bahabwa gutsindishirizwa (Abaroma 8:30), Kugirwa abana b'Imana (Abefeso 1:5), kwezwa; n'izindi nyungu nyinshi muri ubu buzima zijyana cyangwa ziva muri byo (1 Abakorinto 1:30).

36: Ese gutsindishirizwa ni iki?

G36: Ni umurimo w'ubuntu bw'Imana aho itubabarira ibyaha byacu byose (Abaroma 3:2425; 4:6-8) kandi ikatwemera nk'abakiranutsi imbere y'amaso yayo (2 Abakorinto 5:19, 21), kubera gukiranuka kwa Kristo kubarwa kuri twe gusa (Abaroma 5:17-19), kandi tukaguhabwa ku bw'ubuntu gusa (Abagalatiya 2:16; Abafilipi 3:9).

K37: Ese kugirwa abana b'Imana ni iki?

G37: Kugirwa abana b'Imana ni umurimo w'ubuntu bw'Imana (1Yohana 3:1), aho twakirwa mu mubare kandi tukagira uburenganzira ku nyungu zose z'abana b'Imana (Yohana 1:12; Abaroma 8:14-17).

K38: Ese kwezwa ni iki?

G38: Kwezwa ni umurimo w'ubuntu bw'Imana (2 Abatesalonike 2:13), aho umuntu wese ahindurirwa gusa n'ishusho y'Imana (Abefeso 4:23-24), kandi tugashobozwa cyane cyane gupfa ku cyaha kandi tukabaho ku gukiranuka (Abaroma 6:4, 6; 8:1).

K39: Ni izihe nyungu muri ubu buzima zijyana cyangwa zizanwa no gutsindishizwa, no kugirwa abana b'Imana no kwezwa?

G39: Inyungu muri ubu buzima zijyana cyangwa zizanwa no gutsindishizwa, no kugirwa abana b'Imana no kwezwa ni ubwishingizi bw'urukundo rw'Imana, amahoro y'umutimanama (Abaroma 5:1-2,5), umunezero mu Mwuka Wera (Abaroma 5:5, 17), kwiyongera kw'ubuntu (Imigani 4:18) no kurindwa kugeza ku mperuka (1 Yohana 5:13, 1Petero 1:5).

K40: Ese ni izihe nyungu abizera bahabwa na Kristo iyo bapfuye?

G40: Roho z'abizera mu gupfa zitunganywa rwose mu kwera, kandi ako kanya bahita bajya mu bwiza (2Abakorinto 5:1, 6, 8; Abafilipi 1:23; Luka 23:43), kandi imibiri yabo yungwa kuri Kristo (1Abatesalonike4:14), ikaba iruhukiye mu mva zabo (Yesaya 57:2) kuzageza ku muzuko (Yobu 19:26-27).

K41: Ni izihe nyungu abizera bahabwa na Kristo mu kuzuka?

G41: Mu kuzuka, abizera, bazazurwa bahabwe ubwiza (1Abakorinto 15:43), ku mugaragaro bazahamywa ko bemewe kandi babe ari nta cyaha baregwa ku munsi ukomeye w'urubanza (Matayo 25:23, 10:32), Kandi bahabwe umugisha wo gutunganywa rwose muri roho n'umubiri, mu mwuzuro wo kunezererwa Imana (1 Yohana 3:2, 1 Abakorinto 13:12) iteka ryose (1 Abatesalonike 4:17-18).

# URUBANZA

K42: Ariko ni iki abanyabyaha bakorerwa bamaze gupfa?

G42: Roho z'abanyabyaha mu gupfa kwabo, zijugunywa mu mubabaro w'ikuzimu, imibiri yabo iguma mumva kugeza ku muzuko n'urubanza rw'umunsi ukomeye (Luka 16:23-24; Ibyakozwe n'Intumwa 2:24; Yuda 1:5,7; 1 Petero 2:19; Zaburi 49:14).

K43: Ni iki abanyabyaha bazakorerwa ku munsi w'urubanza?

G43: Ku munsi w'urubanza, imibiri y'abanyabyaha, izazurwa ikurwe mu mva, icirwe urubanza, hamwe na roho zabo, bababazwe bitavugwa hamwe na satani n'abamarayika be iteka ryose (Yohana 5:28-29; Matayo 25:41, 46; 2 Abatesalonike 1:8-9).

# KUMVIRA

K44: Ni izihe nshingano Imana iha umuntu?

G44: Inshingano Imana iha umuntu ni ukumvira ubushake bwayo bwahishuwe (Mika 6:8; 1Samweli15:22).

K45: Ni iki Imana bwa mbere yahishuriye umuntu cyo ku muyobora mu kuyumvira?

G45: Amategeko Imana bwa mbere yahishuriye umuntu kugira ngo ayumvire ni amategeko ajyanye n'imyitwarire (Abaroma 2:14-15; 10:5)

K46: Ni he aya mategeko ajyanye n'imyitwarire yumvikanye mu ncamake?

G46: Amategeko ajyanye n'imyitwarire yumvikanye mu ncamake mu mategeko icumi (Gutegeka kwa kabiri 10:4; Matayo 19:17).

K47: Ni ikihe kibumbatiro cy'amategeko icumi??

G47: Ikibumbatiro cy'amategeko icumi, ni ugukunda Uwiteka Imana yawe n'umutima wawe wose, n'ubugingo bwawe bwose, n'imbaraga zawe zose, n'ubwenge bwawe bwose ndetse no gukunda mugenzi wawe nk'uko wikunda (Matayo 22:37-40).

K48: Ni irihe jambo ryibanze ry'amategeko icumi?

G48: Ijambo ryibanze ku mategeko icumi ni aya magambo: "Ndi Uwiteka Imana yawe, yagukuye mu gihugu cya Egiputa, mu nzu y'uburetwa (Kuva 20:1).

K49: Ni iki ijambo ryibanze ku mategeko icumi ritwigisha?

G49: Ijambo ryibanze ku mategeko icumi ritwigisha ko, kubera ko Imana ari Uwiteka, kandi Imana yacu n'Umucunguzi, rero tubohewe mu kwitondera amategeko yayo yose (Luka 1:74-75; 1 Petero 1:15-19).

K50: Ni irihe tegeko rya mbere?

G50: Itegeko rya mbere ni: "Ntukagire izindi mana mu maso yanjye" (Kuva 20:3).

K51: Ni iki dusabwa mu itegeko rya mbere?

G51: Itegeko rya mbere ridusaba kumenya no kwemera Imana ko ari yo Mana yonyine y'ukuri kandi ko ari Imana yacu (1Ngoma 28:9; Gutegeka kwa kabiri 26:17), no kuyihimbaza no kuyiha icyubahiro nk'uko bikwiriye (Matayo 4:10; Zaburi 29:2).

K52: Ni iki kibujijwe mu itegeko rya mbere?

G52: Itegeko rya mbere ribuza guhakana (Zaburi 14:1), cyangwa kudahimbaza no kudaha icyubahiro, Imana y'ukuri (Abaroma 2:21) nk'Imana kandi Imana yacu (Zaburi 81:10-11), no guhimbaza no guha icyubahiro undi uwo ariwe wese kandi ariyo igikwiriye yonyine (Abaroma 1:2526).

K53: Ni iki byumwihariko twigishwa muri aya magambo ngo "imbere yanjye" mu itegeko rya mbere?

G53: Aya magambo ngo "imbere yanjye" mu itegeko rya mbere atwigisha ko Imana, ireba ibintu byose, yita kuri buri kimwe kandi ko itanezezwa haba namba n'icyaha cyo kugira indi mana (Kuva 8:5 kugeza aho kirangirira).

K54: Ni irihe tegeko rya kabiri?

G54: Itegeko rya kabiri ni: "Ntukiremere igishushanyo kibajwe, cyangwa igisa n'ishusho yose iri hejuru mu ijuru, cyangwa hasi ku butaka cyangwa mu mazi yo hepfo y'ubutaka. Ntukabyikubite imbere, ntukabikorere kuko Uwiteka Imana yawe ndi Imana ifuha, mpora abana gukiranirwa kwa ba se, nkageza ku buzukuruza n'ubuvivi bw'abanyanga, nkababarira abankunda bakitondera amategeko yanjye, nkageza ku buzukuruza babo b'ibihe igihumbi (Kuva 20:4-6).

K55: Ni iki dusabwa mu itegeko rya kabiri?

G55: Itegeko rya kabiri risaba kwakira, kwitondera, no gukomeza kubonera no mu guhimbaza kose kw'iyobokamana, no mu

byategetswe nk'uko Imana yabigaragaje mu ijambo ryayo (Gutegeka kwa kabiri 32:46; Matayo 23:20; Ibyakozwe n'Intumwa 2:42).

K56: Ni iki kibujijwe mu itegeko rya kabiri?

G56: Itegeko rya kabiri ribuza guhimbaza Imana mu bishushanyo (Gutegeka kwa kabiri 4:15-19; Kuva 32:5, 8), cyangwa se mu buryo butagaragara mu ijambo ryayo (Gutegeka kwa kabiri 7:31-32).

K57: Ni izihe mpamvu zindi ziyongera ku itegeko rya kabiri?

G57: Izindi mpamvu ziyongera ku itegeko rya kabiri ni uko Imana ifite ubugabe kuri twe (Zaburi 45:2-3,6), Kandi turi abayo (Zaburi 45:11-12), ndetse n'ifuhe igira ku guhimbazwa kwayo (Kuva 34:13-14).

K58: Ni irihe tegeko rya gatatu?

G58: Itegeko rya gatatu ni: "Ntukavugire ubusa izina ry'Uwiteka Imana yawe, kuko Uwiteka atazamubara nk'utacumuye, uvugiye ubusa izina rye (Kuva 20:7).

K59: Ni iki gisabwa mu itegeko rya gatatu?

G59: Itegeko rya gatatu risaba kwera no kubaha amazina y'Imana uburyo akoreshwa (Matayo 6:9; Gutegeka kwa kabiri 28:58), amazina (Zaburi 136:1-2) Amarangakamere (Ibyahishuwe 15:34), Ibyategetswe (Malaki 1:11, 14), ijambo (Zaburi 136:1-2), n'imirimo (Yobu 36:24).

K60: Ni iki kibujijwe mu itegeko rya gatatu?

G60: Itegeko rya gatatu ribuza kudatungana kose no guhinyura ikintu cyose aho Imana yimenyekanisha (Malaki 1:6-7, 12, 2:2; 3:14).

K61: Ni iyihe mpamvu yindi ijyana n'itegeko rya gatatu?

G61: Impamvu ijyana n'itegeko rya gatatu ni uko, nubwo abica iritegeko bashobora gukwepa guhanwa n'abantu, nyamara Uwiteka Imana yacu ntizabareka bakwepa urubanza rwayo rutunganye (1Samweli 2:12, 17, 22, 29; 3:13; Gutegeka kwa kabiri 28:58-59).

K62: Ni irihe tegeko rya kane?

G62: Itegeko rya kane ni: “Wibuke kweza umunsi w’isabato. Mu minsi itandatu ujya ukora, abe ari yo ukoreramo imirimo yawe yose, ariko uwa karindi ni wo Sabato y’Uwiteka Imana yawe. Ntukagire umurimo wose uwukoraho, wowe ubwawe, cyangwa umuhungu wawe cyangwa umukobwa wawe cyangwa umugaragu wawe cyangwa umuja wawe, cyangwa itungo ryawe cyangwa umunyamahanga wawe uri iwanyu, kuko iminsi itandatu ari yo Uwiteka yaremyemo ijuru n’isi n’inyanja n’ibirimo byose, akaruhukira ku wa karindwi. Ni cyo cyatumye Uwiteka aha umugisha umunsi w’isabato, akaweza (Kuva 20:811).

K63: Ni iki gisabwa mu itegeko rya kane?

G63: Itegeko rya kane risaba kuba wera ku Mana mu gihe cyose nk‘uko bivugwa mu ijambo ryayo, nk’uko biri, umunsi umwe wose mu minsi irindwi ukaba Isabato yera kuri yo ubwayo (Kuva 20:811; Gutegeka kwa kabiri 5:12-14).

K64: Ni uwuhe munsi muri irindwi Imana yatoranije kuba Isabato ya buri cyumweru?

G64: Mbere yo kuzuka kwa Kristo, Imana yatoranije umunsi wa karindwi w’icyumweru kuba Isabato ya buri cyumweru (Kuva 20:8-11; Gutegeka kwa kabiri 5:12-14); hanyuma haza umunsi wa mbere w’iminsi irindwi kuva icyo gihe, ukazakomeza ukazageza isi irangiye, akaba ari yo Sabato y’abakristo (Zaburi 118:24; Matayo 28:1; Mariko 2:27-28; Yohana 20:19-20, 26; Ibyahishuwe 1:10; Mariko 16:2; Luka 24:1, 30-36; Yohana 20:1; Ibyakozwe n’Intumwa 1:3; 2:1-2; 20:7; 1 Abakorinto 16:1-2).

K65: Ni gute Isabato ikwiriye kwezwa?

G65: Isabato ikwiriye kwezwa kubwo kuruhuka kwera uwo munsi wose (Kuva 20:8, 10), ndetse n’imirimo yo mu isi no gukora indi minsi nk’uko bitegetswe (Kuva 16:25-28; Nehemiya 13:15-22) no kumara igihe cyose muri rusange cyangwa wiherereye ukora ibyo guhimbaza Imana (Luka 4:16; Ibyakozwe n’Intumwa 20:7; Zaburi 92 umutwe; Yesaya 66:23), keretse igihe habayeho ibikorwa biri ngombwa kandi by’imbabazi (Matayo 12:1-13).

K66: Ni iki kibujijwe mu itegeko rya kane?

G66: Itegeko rya kane ribuza kwanga cyangwa kutita ku gukora nshingano duhabwa (Ezekiyeli 23:38; Amosi 8:5; Malaki 1:13),

no kuteza umunsi ukaba umunebwe (Ibyakozwe n'Intumwa 20:7, 9), cyangwa gukora ikintu muri cyo cy'icyaha (Ezekiyeli 23:38), cyangwa kugira ibitekerezo bitagira umumaro, amagambo, cyangwa ibikorwa byo mu mirimo yo mu isi cyangwa ibyo kwinezeza (Yeremiya 17:24-27; Yesaya 58:13).

K67: Ni izihe mpamvu zometse ku itegeko rya kane?

G67: Impamvu zometse ku itegeko rya kane, ni uko Imana itwemerera gukora mu minsi itandatu y'icyumweru ibijyanye n'imirimo yacu dukwiriye gukora (Kuva 20:9), ariko itubwira kwitondera umunsi wa karindwi by'umwihariko, urugero rwayo, n'uko yahaye umugisha umunsi wa karindwi (Kuva 20:11).

K68: Ni irihe tegeko rya gatanu?

G68: Itegeko rya gatanu ni: "wubahe so na nyoko, kugira ngo uramire mu gihugu Uwiteka Imana yawe iguha (Kuva 20:10).

K69: Ni iki gisabwa mu itegeko rya gatanu?

G69: Itegeko rya gatanu risaba kubungabunga icyubahiro kandi buri wese agakora inshingano ze ahantu hatandukanye no mu mibanire, nk'abakuru (Abefeso 5:21), Abato (1 Petero 2:17) cyangwa abo tungana (Abaroma 12:10).

K70: Ni iki kibujijwe mu itegeko rya gatanu?

G70: Itegeko rya gatanu ribuza kwirengagiza cyangwa gukora ikintu icyo ari cyo cyose kinyuranya n'icyubahiro n'inshingano bya buri wese, ahantu hatandukanye ndetse no mu mibanire (Matayo 15:4-6; Ezekiyeli 34:24; Abaroma 13:8).

K71: Ni iyihe mpamvu yometse ku itegeko rya gatanu?

G71: Impamvu yometse ku itegeko rya gatanu ni isezerano ryo kurama n'ubukire (mu gihe bizakoreshwa iby'icyubahiro cy'Imana no ku bw'ibyiza byabo) ku bantu bose bumvira iri tegeko (Gutegeka kwa kabiri 5:16; Abefeso 6:2-3).

K72: Ni irihe tegeko rya gatandatu?

G72: Itegeko rya gatandatu ni: "Ntukice" (Kuva 20:13).

K73: Ni iki gisabwa mu itegeko rya gatandatu?

G73: Itegeko rya gatandatu risaba ibikorwa byose byemewe kugira ngo turinde ubuzima bwacu (Abefeso 5:28-29), n'ubuzima bw'abandi (1 Abami 18:4).

K74: Ni iki kibujijwe mu itegeko rya gatandatu?

G74: Itegeko rya gatandatu ribuza rwose kwiyambura ubuzima bwacu, cyangwa ubuzima bwa bagenzi bacu mu karengane, cyangwa ikintu icyo ari cyo cyose kibishaka (Ibyakozwe n'Intumwa 26:28; Itangiriro 9:9).

K75: Ni irihe tegeko rya karindwi?

G75: Itegeko rya karindwi ni: "Ntugasambane" (Kuva 20:14).

K76: Ni iki gisabwa mu itegeko rya karindwi?

G76: Itegeko rya karindwi risaba kuzigama ubudakemwa bwacu hamwe na bagenzi bacu, mu mutima, mu mvugo n'imyitwarire (1 Abakorinto 7:2-3,5,34,36; Abakolosayi 4:6; 1 Petero 3:2).

K77: Ni iki kibujijwe mu itegeko rya karindwi?

G77: Itegeko rya karindwi ribuza ibitekerezo byose bidahwitse, amagambo n'ibikorwa (Matayo 15:19; 5:28; Abefeso 5:3-4).

K78: Ni irihe tegeko rya munani?

G78: Itegeko rya munani ni: "Ntukibe".

K79: Ni iki gisabwa mu itegeko rya munani?

G79: Itegeko rya munani risaba kugura byemewe n'amategeko no guteza imbere mu buryo bwemewe ubutunzi n'imitungo yacu n'iy'abandi (Itangiriro 30:30; 1 Timoteyo 5:8; Abalewi 25:35; Gutegeka kwa kabiri 22:1-5; Kuva 23:4-5; Itangiriro 47:14, 20).

K80: Ni iki kibujijwe mu itegeko rya munani?

G80: Itegeko rya munani ribuza ikintu icyo ari cyo cyose wakora gishobora kubangamira ubutunzi cyangwa umutungo wawe (1 Timoteyo 5:8, Imigani 28:19) cyangwa ibya mugenzi wawe (Imigani 21:17, 23:20-21; Abefeso 4:28).

K81: Ni irihe tegeko rya cyenda?

G81: Itegeko rya cyenda ni: "Ntugashinje ibinyoma mugenzi wawe" (Kuva 20:16).

K82: Ni iki gisabwa mu itegeko rya cyenda?

G82: Itegeko rya cyenda risaba gukomeza no kuvuga (kwamamaza) ukuri hagati y'umuntu n'undi (Zekariya 8:16), n'izina ryiza rya mugenzi wacu (Yohana 5:12), cyane cyane mu gutanga ubuhamya (Imigani 14:5, 25).

K83: Ni iki kibujijwe mu itegeko rya cyenda?

G83: Itegeko rya cyenda ribuza ikintu cyose kibangamiye ukuri, cyangwa cyangiza izina ryiza ryacu cyangwa irya bagenzi bacu (1 Samweli 17:28; Abalewi 19:16; Zaburi 15:2-3).

K84: Ni irihe tegeko rya cumi?

G84: Itegeko rya cumi ni: "Ntukifuze inzu ya mugenzi wawe, Ntukifuze umugore wa mugenzi wawe, cyangwa umugaragu we cyangwa umuja we, cyangwa inka ye cyangwa indogobe ye, cyangwa ikindi kintu cyose cya mugenzi wawe".

K85: Ni iki gisabwa mu itegeko rya cumi?

G85: Itegeko rya cumi risaba kunyurwa byuzuye n'ibyacu n'uko turi (Abaheburayo 13:5; 1 Timoteyo 6:6).

K86: Ni iki kibujijwe mu itegeko rya cumi?

G86: Itegeko rya cumi ribuza kutanyurwa n'umutungo wacu bwite (1 Abami 21:4; Esiteri 5:13; 1 Abakorinto 10:10), kugira ishyari, cyangwa kubabazwa n'ibyiza bya bagenzi bacu (Abagalatiya 5:26; Yakobo 3:14, 16).

K87: Haba hari umuntu ushoboye rwose kwitondera amategeko yose y'Imana?

G87: Oya, nta we, kuva umuntu yagwa ntawe ushoboye muri ubu buzima kwitondera bitunganye rwose amategeko y'Imana (Umubwiriza 7:20; 1 Yohana 1:8, 10; Abagalatiya 5:17).

K88: Gucumura ku mategeko kose kurangana?

G88: Ibyaha bimwe muri byo, kandi no ku bw'impamvu nyinshi ziyongeraho, ni bibi cyane mu maso y'Imana kuruta ibindi (Ezekiyeli 8:6, 13, 15; 1 Yohana 5:16, Zaburi 78:17, 32, 56).

K89: Ni iki icyaha cyose gikozwe gikwiriye?

G89: Buri cyaha gikwiriye umujinya w'Imana n'umuvumo, haba muri ubu buzima ndetse n'ubuzaza (Abefeso 5:6, Abagalatiya 3:10, Amaganya 3:39, Matayo 25:41, Abaroma 6:23).

# KWIZERA NO KWIHANA

K90: Ni iki Imana idusaba kugira ngo duhunge umujinya n'umuvumo wayo kubera ibyaha byacu?

G90: Guhunga umujinya n'umuvumo w'Imana bitewe n'ibyaha byacu, Imana itubwira kwizera Yesu Kristo, kwihana kuzana ubuzima (Ibyakozwe n'Intumwa 20:21), ndetse no kugira umwete wo gukoresha buryo bwashyizweho bugaragara, Kristo avuganiramo natwe iby'inyungu zo gucungurwa (Imigani 2:1-6; 8:33; Yesaya 55:2-3).

K91: Kwizera Yesu Kristo ni iki?

G91: Kwizera Yesu Kristo ni ubuntu bukiza (Abaheburayo 10:39) aho twakira kandi tukamwishingikirizaho wenyine kugira ngo dukizwe, nk'uko yaduhawe mu butumwa bwiza (Yohana 1:12, Yesaya 20:3-4; Abafilipi 3:9;  Abagalatiya 2:16).

K92: Kwihana ni iki?

G92: Kwihana kuzana ubuzima ni ubuntu bukiza (Ibyakozwe n'Intumwa 11:28) aho umunyabyaha yumva neza ibyaha bye (Ibyakozwe n'Intumwa 2:37-38) akumva imbabazi z'Imana muri Kristo (Yoweli 2:12; Yeremiya 3:22) afite agahinda no kwanga ibyaha bye, agahindukirira Imana akava mu byaha (Yeremiya 31:18-19; Ezekiyeli 36:31) afite intego yuzuye kandi agaharanira kumvira (2 Abakorinto 7:11; Yesaya 1:16-17).

K93: Ni ubuhe buryo bw'inyuma bugaragara ubwo Kristo avuganiramo natwe iby'inyungu zo gucungurwa?

G93: Uburyo bw'inyuma bugaragara Kristo atwigishirizamo iby'inyungu zo gucungurwa ni ijambo n'amasengesho ndetse n'imigenzo y'ubutumwa bwiza ariyo: umubatizo n'igaburo ryera. Ubwo buryo bwose ni bwiza ku ntore zihabwa agakiza (Matayo 28:19-20; Ibyakozwe n'Intumwa 2:42; 46-47).

K94: Ni gute ijambo rigira umumaro mu kubona agakiza?

G94: Umwuka w'Imana atuma gusoma, ariko cyane cyane kubwiriza ijambo biba uburyo bwiza bwo kwemeza no guhindura umunyabyaha, no kumwubaka mu kwera no kumuhumuriza binyuze mu kwizera kuzana agakiza (Nehemiya 8:8; Ibyakozwe n'Intumwa 26:18; Zaburi 19:18; Ibyakozwe n'Intumwa 20:32; Abaroma 1:15-16, 10:13-17, 15:4; 1Abakorinto 14:24-25; 2 Timoteyo 3:15-17).

K95: Ni gute ijambo rigomba gusomwa no kumvwa kugira ngo ribe iry'umumaro mu kubona agakiza?

G95: Kugira ngo ijambo ribe iry'umumaro mu kubona agakiza, tugomba kuryitaho dufite umwete (Imigani 8:34), kwitegura (1 Petero 2:12), no gusenga (Zaburi 119:18); kuryakirana ukwizera n'urukundo (Abaheburayo 4:2; 2Abatesalonike 2:10), tukaribika mu mitima yacu (Zaburi 119:18), kandi tugakora ibyaryo mu buzima bwacu (Luka 8:15; Yakobo 1:25).

# UMUBATIZO

K96: Ni gute umubatizo n'igaburo ryera bihinduka uburyo bwiza bwo kugaragaza agakiza?

G96: Umubatizo n'igaburo ryera bihinduka uburyo bwiza bwo kugaragaza agakiza, atari uko muri byo ubwabyo harimo ikintu kidasanzwe, cyangwa kumuntu ubitanga  ahubwo ni ku bw'umugisha wa Kristo gusa (1 Petero 3:21; Matayo 3:11; 1Abakorinto 3:6-7) no gukora kwa Mwuka muri abo bantu babyakira mu kwizera (1 Abakorinto 12:3; Matayo 28:19).

K97: Umubatizo ni iki?

G97: Umubatizo ni umugenzo wo mu isezerano rishya, wategetswe na Yesu Kristo, kubera uwabatijwe ikimenyetso cy'ubumwe (ubusabane) na we mu rupfu rwe, guhambwa, no kuzuka kwe; cy'uko yinjijwe muri we (Abaroma 6:3-5; Abakolosayi 2:12; Abagalatiya 3:27) cyo kubabarirwa ibyaha (Mariko 1:4; Ibyakozwe n'Intumwa 2:28, 22:16); no kwiyegurira Imana binyuze muri Yesu Kristo, akabaho kandi agendera mu buzima bushya (Abaroma 6:3-4).

K98: Ni nde ugomba kubatizwa?

G98: Hagomba kubatizwa abantu bose batura kwihana bagahindukirira Imana (Ibyakozwe n'Intumwa 2:38; Matayo 3:6), kwizera, no kumvira Umwami wacu Yesu Kristo, kandi hatari undi (Ibyakozwe n'Intumwa 8:12, 36-38, 10:4748).

K99: Ese impinja z'aba batura ko bizera zikwiriye kubatizwa?

G99: Impinja z'abatura ko bizera ntabwo zikwiriye kubatizwa, kubera ko nta tegeko cyangwa urugero rwo mu byanditswe byera ruhari, cyangwa ingaruka runaka bizana kubabatiza (Kuva 23:13; Imigani 30:6; Luka 3:7-

8).

K100: Ni ubuhe buryo bukwiriye bwo kubatiza?

G100: Uburyo bukwiriye bwo kubatiza ni ukwibiza, cyangwa kumanura umubiri wose mu mazi ukarengerwa, mu izina rya Data, n'Umwana, n'Umwuka Wera, ukurikije uko Kristo yabitegetse ndetse n'uko Intumwa zabikoraga (Matayo 8:38; Yohana 3:23, 4:1-2; Matayo 28:19-20; Ibyakozwe n'Intumwa 8:38; Abaroma 6:4; Abakolosayi 2:12); kandi atari ukuminjagira cyangwa gusukwaho amazi  cyangwa kwibiza ibice bimwe by'umubiri, ukurikije imigenzo y'abantu.

K101: Ese ni izihe nshingano z'ababatijwe mu buryo bukwiriye?

G101: Inshingano z'ababatijwe mu buryo bukwiriye ni ukwiyegurira itorero runaka rya Yesu Kristo, ngo bakomeze kugendera mu mategeko yose n'imigenzo y'Umwami batariho umugayo (Ibyakozwe n'Intumwa 2:4142, 5:13, 9:26; 1 Petero 2:5; Luka 1:6).

# IGABURO RYERA

K102: Igaburo ryera ni iki?

G102: Igaburo ryera, ni umugenzo wo mu isezerano rishya, wategetswe na Yesu Kristo, aho mugutanga no kwakira umugati na divayi, ukurikije uko byashyizweho, urupfu rwe rwerekanwa kandi abakwiriye kwakira ntabwo bakurikiza uburyo bw'umubiri, ahubwo ni mu kwizera, basangira umubiri n'amaraso ye, hamwe n'inyungu ze zose, mu kugaburirwa iby'Umwuka no gukurira mu buntu (Matayo 26:26-28; 1 Abakorinto 11:23-26, 10:16).

K103: Ni bande bakwiriye kumvira uyu mugenzo?

G103: Ni ababatijwe bakatura ukwizera kwabo muri Yesu Kristo, no kwihana imirimo ipfuye (Ibyakozwe n'Intumwa 2:41-42).

K104: Ni iki gisabwa ku bakwiriye guhabwa igaburo ryera?

G104: Icyo basabwa abakwiriye guhabwa igaburo ryera, ni ukwisuzuma mu bumenyi bwabo uko bagenzura umubiri wa Kristo (1 Abakorinto 11:28-29), mu kwizera kwabo uko batungwa nawe (2Abakorinto 13:5), mu kwihana kwabo (2

Abakorinto 11:31), urukundo (1 Abakorinto 10:16-17) no kumvira gushya (1 Abakorinto 5:7-8), naho abegera mu buryo budakwiriye, barya kandi banywa bizanira urubanza (1 Abakorinto 11:28-29).

# ISENGESHO

K105: Isengesho ni iki?

G105: Ni ukuganira n'Imana ibyifuzo byacu (Zaburi 62:8) dufashijwe na Mwuka wera (Abaroma 8:26) ibintu bihura n'ubushake bwayo (1 Yohana 5:14; Abaroma 8:27) mu izina rya Yesu Kristo (Yohana 6:23) twizeye (Matayo 21:22; Yakobo 1:6) twatura n'ibyaha byacu (Zaburi 32:56; Daniyeli 9:4) no kuyishimira byimazeyo imbabazi zayo (Abafilipi 4:6).

K106: Ni irihe hame Imana yaduhaye ngo rituyobore mu gusenga?

G106: Ijambo ry'Imana ryose (Ibyanditswe byera) rituyobora mu gusenga (1 Yohana 5:14); ariko ihame ry'umwihariko rituyobora mu gusenga, ni isengesho Kristo yigishije abigishwa be, ryitwa isengesho ry'Umwami (Matayo 6:9-13; Luke 11:2-4).

K107: Ni iki ijambo ryibanze ry'isengesho ry'Umwami ritwigisha?

G107: Ijambo ryibanze ry'isengesho ry'Umwami, aririyo "Data wa twese uri mu ijuru" (Matayo 6:9) ritwigisha kwegera Imana tuyubashye cyane kandi dushize amanga, nk'abana kuri Se ushoboye kandi witeguye kudufasha (Abaroma 8:15; Luka 11:13; Yesaya 24:8); kandi ko tugomba gusengera hamwe n'abandi tukanabasengera.

K108: Ni iki dusengera mu gisabisho (icyifuzo) cya mbere?

G108: Mu gisabisho cya mbere, ari cyo: "izina ryawe ryubahwe" (Matayo 6:9), turasenga ngo

Imana idushoboze n'abandi kuyihesha icyubahiro (kuyihimbaza) mu byo yimenyekanishijemo byose (Zaburi 67:2-3) kandi byose abigaragarizaho icyubahiro cyayo (Zaburi 83; Abaroma 11:36).

K109: Ni iki dusengera mu gisabisho cya kabiri?

G109: Mu gisabisho cya kabiri, ari cyo: "Ubwami bwawe buze" (Matayo 6:10), turasenga ngo ubwami bwa Satani busenywe (Zaburi 68::1, 18) kandi ngo ubwami bw'ubuntu bwaguke

(Ibyahishuwe 12:10-12), twebwe n'abandi babuzanywemo ngo tuburindirwemo (2 Abatesalonike 3:1; Abaroma 10:1; Yohana 17:1920) kandi ngo ubwami bw'icyubahiro bwihute (Ibyahishuwe 22:10).

K110: Ni iki dusengera mu gisabisho cya gatatu?

G110: Mu gisabisho cya gatatu, aricyo: "Ibyo ushaka bibeho mu isi nk'uko bibaho mu ijuru" (Matayo 6:10), turasenga ngo Imana ku bw'ubuntu bwayo idushoboze kandi dufite ubushake bwo kumenya, kumvira no kugandukira ubushake bwayo muri byose (Zaburi 67; 119:36; 2 Samweli 15:25; Yobu 1:21), nk'uko

Abamarayika babikora mu ijuru (Zaburi 103:20-21).

K111: Ni iki dusengera mu gisabisho cya kane?

G111: Mu gisabisho cyane kane, aricyo: "Uduhe none ibyo kurya byacu by'uyu munsi" (Matayo 6:11), turasenga kugira ngo ku bw'impano y'ubuntu bw'Imana duhabwe ibidukwiriye byiza byo muri ubu buzima, kandi ngo twishimire umugisha wayo ku bw'ibyo (Imigani 30:8; Itangiriro 28:20, 1 Timoteyo 4:4-5).

K112: Ni iki dusabira mu gisabisho cya gatanu?

G112: Mu gisabisho cya gatanu, aricyo: "Uduharire imyanda yacu, nk'uko natwe twahariye abarimo imyanda yacu" (Matayo 6:12), turasenga ngo Imana, ku bwa Kristo, itubabarire ibyaha byacu byose (Zaburi 51:1-2, 7, 9; Daniyeli 9:17-19), aricyo dushishikarizwa gusaba, kuko ku bw'ubuntu bwayo, dushobozwa bivuye ku mutima kubabarira abandi (Luka 11:14; Matayo 18:35).

K113: Ni iki dusengera mu gisabisho cya gatandatu?

G113: Mu gisabisho cya gatandatu, aricyo: "Ntuduhane mu bitwoshye, ahubwo udukize umubi" (Matayo 6:13), turasenga ngo Imana iturinde kugira ngo tudashukwa tukagwa mu cyaha (Matayo 26:31) cyangwa ngo idufashe kandi idukize mu gihe twaguye mu gishuko (2 Abakorinto 12:8).

K114: Ni iki umusozo w'isengesho ry'Umwami utwigisha?

G114: Umusozo w'isengesho ry'Umwami, ariwo: "Kuko ubwami n'ubushozi n'icyubahiro ari ibyawe, none n'iteka ryose. Amen." (Matayo 6:13) utwigisha kugira umwete mu gusenga mu Mana gusa (Daniyeli 9:4, 7-9, 16-19) kandi ko mu masengesho yacu

dushimira Imana tuvuga ubwami bw'imbaraga n'icyubahiro ko ari ibye (1 Ingoma 29:10-13). Kandi duhamya ko ibyo dusabye kandi twiringiye ko byumviswe, tukavuga "Amen" (1 Abakorinto 4:16, Ibyahishuwe 11:20, 22:20-21).

Yashyizwe mu Kinyarwa na: N. Gloire; +250781460490; ngirisokog@gmail.com

Byakosowe na: Irambona Hygette; irambonahugo125@gmail.com